

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amategeko / Laws / Lois

N° 59/2016 ryo ku wa 11/01/2017

Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 79/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.....4

N° 59/2016 of 11/01/2017

Law modifying and complementing Law n° 79/2013 of 11/09/2013 determining the mission, organization and functioning of the Office of the Auditor General of State Finances4

N° 59/2016 du 11/01/2017

Loi modifiant et complétant la loi n° 79/2013 du 11/09/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.....4

N° 60/2016 ryo ku wa 11/01/2017

Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 44 bis/2011 ryo kuwa 26/11/2011 rigena Sitati y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu.....10

N° 60/2016 of 11/01/2017

Law modifying and complementing Law n° 44 bis/2011 of 26/11/2011 governing the Statute of Prosecutors and other staff of the National Public Prosecution Authority as modified and complemented to date.....10

N° 60/2016 du 11/01/2017

Loi modifiant et complétant la loi n° 44 bis/2011 du 26/11/2011 portant Statut des Officiers de Poursuite Judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire telle que modifiée et complétée à ce jour.....10

N° 61/2016 ryo ku wa 11/01/2017

Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena Sitati y'Abacamanza n'abakozi b'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu.....16

N° 61/2016 of 11/01/2017

Law modifying and complementing Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the Statutes of Judges and Judicial Personnel as modified and complemented to date16

N° 61/2016 du 11/01/2017

Loi modifiant et complétant la loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant Statut des Juges et du personnel judiciaire telle que modifiée et complétée à ce jour.....16

B. Amateka ya Perezida / Presidential Orders / Arrêtés Présidentiels

N° 001/01 ryo ku wa 16/01/2017

Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano (Protocole) avugurura Amasezerano ya Marrakesh ashiraho Umuryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi yashyiriweho umukono i Marrakesh, Morocco ku wa 15 mata 1994, yemejwe burundu kuwa 26 Gicurasi 1996, kugira ngo hongerwemo amasezerano agamije koroshya ubucuruzi, umugereka wa 1A.....22

ITEGEKO N°59/2016 RYO KU WA 11/01/2017 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°79/2013 RYO KU WA 11/09/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO RW'UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI YA LETA	LAW N°59/2016 OF 11/01/2017 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N°79/2013 OF 11/09/2013 DETERMINING THE MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE OF THE AUDITOR GENERAL OF STATE FINANCES	LOI N°59/2016 DU 11/01/2017 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N°79/2013 DU 11/09/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE DE L'AUDITEUR GENERAL DES FINANCES DE L'ETAT
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije

Article One: Auditor General and Deputy Auditor General

Article premier: Auditeur Général et Auditeur Général Adjoint

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

ITEGEKO N°59/2016 RYO KU WA 11/01/2017 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°79/2013 RYO KU WA 11/09/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO RW'UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI YA LETA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 05 Ukuboza 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 165 n'iya 176;

LAW N°59/2016 OF 11/01/2017 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N°79/2013 OF 11/09/2013 DETERMINING THE MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE OF THE AUDITOR GENERAL OF STATE FINANCES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 05 December 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 165 and 176;

LOI N°59/2016 DU 11/01/2017 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N°79/2013 DU 11/09/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE DE L'AUDITEUR GENERAL DES FINANCES DE L'ETAT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 décembre 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 165 et 176;

Isubiye ku Itegeko n° 79/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13;

Having reviewed Law n° 79/2013 of 11/09/2013 determining the mission, organization and functioning of the Office of the Auditor General of State Finances, especially in Article 13;

Revu la Loi n° 79/2013 du 11/09/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat, spécialement en son article 13;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

Ingingo ya mbere: Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije

Article One: Auditor General and Deputy Auditor General

Article premier: Auditeur Général et Auditeur Général Adjoint

Ingingo ya 13 y'Itegeko n° 79/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Article 13 of Law n° 79/2013 of 11/09/2013 determining the mission, organization and functioning of the Office of the Auditor General of State Finances is modified and complemented as follows:

L'article 13 de la Loi n° 79/2013 du 11/09/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat est modifié et complété comme suit:

“Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

“The Auditor General and Deputy Auditor General are appointed by a Presidential Order.

« L'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint sont nommés par un arrêté présidentiel.

Mu gihe bamaze gushyirwaho, Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.

After their appointment, the Auditor General and Deputy Auditor General take the oath of office before the President of the Republic.

Après leur nomination, l'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint prêtent serment devant le Président de la République.

Manda y'Umugenzuzi Mukuru n'iy'Umugenzuzi Mukuru Wungirije ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa.

The Auditor General and Deputy Auditor General are appointed for a five (5) years term renewable only once.

L'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.

Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije ucyuye igihe nta makosa yerekeye imirimo yari ashinzwe cyangwa icyaha bimuhama, akomeza guhabwa mu gihe cy'amezi atandatu (6):

- 1 ° umushahara wa buri kwezi;
- 2 ° indamunite y'icumbi ya buri kwezi;
- 3 ° amafaranga afasha nyir'ubwite mu kwita ku modoka ye bwite.

Iyo Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije ahawe undi murimo na Leta cyangwa akibonera umurimo mu nzego z'abikorera muri icyo gihe cy'amezi atandatu (6), umushahara n'ibindi yagenerwaga birahagarara.

Hashingiwe ku mpamvu zatumye Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije uvugwa muri iyi ngingo ava mu mirimo, ashobora kudahabwa ibivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo.

Icyakora, iyo impamvu yatumye akurwa mu mwanya ituma akurikiranwa mu nkiko, akomeza kubarirwa umushahara n'ibindi yagenerwaga akabibikirwa. Mu gihe abaye umwere ku cyaha yari akurikiranyweho ahabwa imishahara n'ibindi agenerwa yabikiwe.

The Auditor General or the Deputy Auditor General whose term of office comes to an end not for reasons of professional misconduct or having been convicted of any offence in relation to his/her former duties, continues to be entitled, for a period of six (6) months, to:

- 1 ° a monthly salary;
- 2 ° monthly accommodation allowance;
- 3 ° lump sum for his/her own vehicle maintenance.

If the Auditor General or Deputy Auditor General is appointed to another post by the State or he/she gets a job in the private sector during the period of six (6) months, the salary and fringe benefits he/she was entitled to are terminated.

Basing on grounds for termination of holding his/her office, the Auditor General or the Deputy Auditor General may not be entitled to salary and fringe benefits referred to in Paragraph 4 of this Article.

However, if the ground for termination of holding the office entails court proceedings against him/her, the salary and fringe benefits continue to be calculated and reserved for him/her. If he/she is acquitted, he/she receives the salary and fringe benefits reserved for him/her.

L'Auditeur Général ou l'Auditeur Général Adjoint qui termine son mandat sans faute professionnelle ou sans avoir été condamné pour une infraction quelconque liée à ses anciennes fonctions, continue à percevoir pour une durée de six (6) mois:

- 1 ° un salaire mensuel;
- 2 ° une indemnité mensuelle de logement;
- 3 ° les frais de maintenance de son propre véhicule.

Lorsque l'Auditeur Général ou l'Auditeur Général Adjoint est nommé à un autre poste par l'Etat ou obtient un emploi au sein du secteur privé durant cette période de six (6) mois, il cesse de bénéficier du salaire et des avantages qu'il obtenait.

Suivant les raisons de cessation de ses fonctions, l'Auditeur Général ou l'Auditeur Général Adjoint peut ne pas avoir droit au salaire et aux avantages visés à l'alinéa 4 du présent article.

Toutefois, lorsque la raison de cessation des fonctions entraîne des poursuites judiciaires, son salaire et ses avantages continuent à être calculés et conservés. S'il est acquitté, il reçoit le salaire et les avantages retenus pour lui.

Iyo icyaha kimuhamye atakaza uburenganzira ku mishahara n'ibindi byose agenerwa yari yabikiwe”.

Where he/she is convicted, he/she loses the right to the salary and all fringe benefits reserved for him/her”.

Lorsqu'il est reconnu coupable, il perd le droit au salaire et à tous les autres avantages retenus pour lui».

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Law are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 04 of 23/01/2017

Kigali, ku wa 11/01/2017

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, le 11/01/2017

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 11/01/2017

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux